IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

MU KWIZIHIZA ISABUKURU Y'IMYAKA 25 UMURYANGO AVEGA-AGAHOZO UMAZE USHINZWE.

KIGALI

Ku wa 23 Gashyantare 2020

Nyakubahwa Presidente w'Inteko ishinga amategeko, Umutwe w'Abadepite

Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,

Madamu Umuyobozi Mukuru wa Avega;

Abahagarariye Ingabo na Police;

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Babyeyi, Banyamuryango ba Avega,

Batumirwa turi kumwe uyu munsi,

Muraho Neza,

Mbanje kwifuriza, Isabukuru Nziza ku Banyamuryango bose ba AVEGA!

Mboneyeho n'umwanya wo kubashimira kuba mwantumiye muri ibi birori byo kwizihiza imyaka 25 y'*Ubutwari.*

Mu myaka 25 ishize mpuye na AVEGA, kimwe na bagenzi banjye bo muri Unity Club, Imbuto Foundation n'Igihugu muri rusange, dusanga uyu muryango waratubereye ishuri ry'Ubudaheranwa.

Guhura na AVEGA Agahozo, nk'Umuntu kandi nk'Umubyeyi, byagiye bituma ntekereza kuri ubwo budaheranwa, bintera ndetse n'inyota yo kwandika ku butwari n'umutima nababonanye.

Ubwo twiteguraga Kwibuka ku nshuro ya 20, numvise nkwiriye kwandika kuri ubu budaheranwa mu nyandiko yari yiswe "***Abagore bose bikoreye amateka akarishye y'igihugu cyacu***" [1]

Nagira ngo kandi mbashimire, ko mwemeye gutonekara! Mugaha isi ubuhamya bwanyu bukomeye, kugira ngo yumve ko icyaha cyo gufata ku ngufu gikwiye kwemerwa nka kimwe mu byaha by'intambara. ***Umwanzuro w'Umuryango w'Abibumbye w' 1820 wemejwe tariki 19 Kamena 2008*** – icyo gihe mwembwe mwari mumaze igihe mutanga ubuhamya muri Gacaca ndetse n'ahandi.

Dukomeze rero gufatanya kugira ngo turinde icyo cyaha tubona ko kigenda cyototera abato. Turabizeza ko imbaraga mwagize zizadufasha no guherekeza abatarabyakira kugeza ubu.

Banyamuryango ba AVEGA Agahozo,

Mu gihe natekerezaga icyo nababwira kuri iyi sabukuru, nabonye ubuhamya bw'Umubyeyi witwa ***Anka***[2], warokotse Jenoside yakorewe Abayahudi. Numva nabasangiza isomo rikomeye nakuyemo, rihura n'insanganyamatsiko mwahisemo ariyo igira iti "***Ingobyi y'ubudaheranwa" .***

[1] Article: To all Women who bore the heaviest Burden of our History"
[2] https://www.youtube.com/watch?v=Kd6N0cV08Do

Mbere gato y'uko Jenoside yakorewe Abayahudi iba, hatanzwe itegeko ko umuntu wese utwite cyangwa ubyaye agomba gusinya urupapuro, yemeza ko umwana navuka, bazajya bamujyana mu nkambi y'urupfu, kandi nta kindi babaga bagamije usibye kumwica.

Yaje gutwita rero ariko yanga gusinya urwo rupapuro, umwana we aravuka, agerageza kumuhisha ariko agira ibyago nyuma y'imyaka ibiri umwana aza gupfa azize umusonga.

Ntabwo yavuye ku izima n'ubwo yari amaze kubura umwana we wa mbere.

Anka yaje kongera kugira amahirwe yo gusama, n'ubwo yari azi ko ari icyaha gikomeye kandi ari mu bihe bigoye.

Yashakishije uko yagera ku mugabo we, kugira ngo amubwire inkuru nziza, ko umuryango wabo utazazima, kuko atwite kandi akaba yariyemeje kuzarwana ku mwana we akabaho. Ariko yageze mu nkambi asanga abagabo bari bafungiyemo bose bamaze kwicwa.

Ntabwo yacitse intege yakomeje kwihishahisha maze abyara umwana w'umukobwa amwita **Eva**[i]. Bose baje kugira amahirwe, bararokoka.

Ubu buhamya kimwe n'ubundi bwanyu mwese, bugaragaza ukuntu umubyeyi ahora iteka ari we ngobyi n'isoko y'ubudaheranwa".

Kwihangana no kwirenga ni umurage mwiza mwaduhaye, mwahaye abato benshi mwareze. Kandi tuzakomeza kuwugenderaho nk'igihugu.

Nagira ngo mumfashe tubashimire cyane, kuko mwemereye igihugu kubaho.

Buriya ubuvugizi bwose bwakozwe, bwasangaga mufite ubushake bwo kubaho no kubeshaho abandi.

Mwishyize hamwe, muregerana, murahozanya muriyubaka, muratabarana, murera imfubyi, murerera u Rwanda kandi mwubaka n'u Rwanda. Mwarakoze!

Mukomeze guhuza imbaraga n'abakiri bato, baba abana b'abanyamuryango ba AVEGA, n' indi miryango y'urubyiruko yose, kugira ngo mukomeze uwo murage w'ubudaheranwa.

Babyeyi, banyamuryango ba AVEGA,

Nkuko dukunze kubyibutswa n'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, urugamba rwo kubohora igihugu twarutsinze nk'Abanyarwanda – twese hamwe.

Uruhare rwanyu muri iyi myaka 25 ishize rurashimangira ko mwanze guheranwa koko, mumaze kugera ku bikorwa byinshi kandi byiza, turabasaba kumenya kubisigasira, ndetse no kongera imbaraga mu kubimenyekanisha .

Umuryango kandi ukomezwa no gushyira hamwe; niyo mpamvu tubasaba gukomeza gukorera hamwe, mukomeze kuba hafi y'abanyamuryango banyu cyane cyane ab'intege nke no kubafasha gukemura ibibazo byaba bigihari, mwifashishije inzego zibishinzwe ndetse n'inshuti twese tubakunda.

Banyamuryango ba AVEGA

Mukomeze mubere abandi umusemburo w'amahoro mu miryango ndetse no mu baturanyi, cyane cyane gukomeza guha abana bacu umurage w'indangagaciro nziza.

Iyo winjira mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata, uhasanga ubutumwa bugira buti : " ***Iyo uza kwimenya nanjye ukamenya ntuba waranyishe"***. [3]

Dukeneye gukomeza kwigisha abato babyiruka, kumva neza umuco w'**Ubumuntu** no kumenya **Agaciro** k'undi, kwanga ikibi no guharanira impinduka kuko twabonye ko bishoboka.

Iyo urebye usanga mu myaka 25 iri imbere, abenshi mu bari hano n'ahandi, muzaba mufite abuzukuru, abandi bafite abuzukuruza.

Abatuganirije batweretse ukuntu umuryango nyarwanda uzaba wifashe mu bihumbi bibiri na mirongo itanu
(2050) icyerekezo cyacu twihaye nk'Abanyarwanda.

[3] Ubutumwa bwanditswe n'Umubyeyi warokotse Jenoside aza kwitaba Imana nyuma witwa Felicien Ndashimye. Source: CNLG

Nkaba ntashidikanya ko muzakomeza kugendana na Leta ndetse, icyo cyerecyezo kikabafasha gukomeza kubaka ibikorwa by'umuryango wanyu.

Iyo uyoboye ikiganiro aza kumbaza uko mbona Abanyamuryango ba AVEGA muri iyo myaka, nari kumusubiza nti :

- Muzaba muri **Isooko y'indangagaciro z'ubudaheranwa**, abato bazigiraho maze bakumva ukuntu kugira igihugu bihenda bityo baharire ku kubumbatira u Rwanda no kuruhesha ishema.
- Muzaba muri **Isooko idakama y'umuco** udakuka, urandura ikibi cyose ukagisimbuza **ineza**, isooko **abato bazahora** bavomamo;
- **Igicaniro cy'ibyishimo by'u Rwanda** kuko muzaba mwarahetse abato mu "***ngobyi y'ubudaheranwa***".

Mugire isabukuru nziza.